Kigali, ku wa 02/04/1999
N°555/19.23

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'ABAKOZI**
**BA LETA N'UMURIMO**
**B.P. 403**
**KIGALI**

A traiter par : ...
Date entrée : 08/04/99
N° classement : 265/21

Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)

Madamu, Bwana Umunyamabanga wa Leta (Bose)

Bwana Umunyamabanga Mukuru muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe

Bwana Umunyamabanga Mukuru mu Nteko Ishinga Amategeko

Bwana Umuyobozi Ushinzwe Imicungire y'Abakozi mu Rukiko rw'Ikirenga

**KIGALI**

**Impamvu** : Amabwiriza ajyanye no gushyira umukono ku masezerano y'umurimo.

Madamu, Bwana Minisitiri,
Madamu, Bwana Munyamabanga wa Leta,
Bwana Munyamabanga Mukuru,
Bwana Muyobozi,

Mpereye ku masezerano y'umuri[mo] ugirana n'abantu muteganya gukoresha, mukayohereza muri Minisiteri y'Abakozi ba [Leta] n'Umurimo ngo ashyirweho viza;

Nishimiye kubamenyesha ko amase[zerano] y'Umurimo yose aturuka muri za Minisiteri n'izindi nzego z'imirimo za Leta, agomb[a] ashyirwaho umukono n'umwe muri aba bakurikira, mu izina ry'uhagarariye izo Minisiteri cy[angwa] nzego :

- Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika;
- Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa Umunyamabanga Mukuru wayo, mu [Nteko Ishinga] Amategeko;
- Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu Rukiko rw'Ikirenga;
- Minisitiri, Umunyambabanga wa Leta, Umunyamabanga Mukuru , muri za Minisit[eri]

Guhera ubu rero, amasezerano y'umurimo yose muzongera kunyohereza ngo nyashyireho viza atashyizweho umukono n'umwe muri abo bavuzwe haruguru, azajya abagarukira ntacyo akozweho.

Niyo mpamvu amasezerano y'umurimo mwohereje, nkaba ntarayashyiraho viza kandi akaba atarashyizweho umukono n'umwe muri abo bayobozi bavuzwe, nyohereje aho yaturutse kugira ngo abanze akosorwe. Nkaba mbasaba ko mwakubahiriza iyo ngingo.

Mugire amahoro.

**Yohani Nepomuseni NAYINZIRA**

**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo.**

République Rwandaise
Ministère de la Fonction Publique et du Travail

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo n'Ubusugire bw'Igihugu,
- Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,
- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

**KIGALI**